CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA IGENEWE ABAKRISTU MU GIHE CYA YUBILE Y'IMPURIRANE : IMYAKA 2025 Y'UGUCUNGURWA KWA BENE MUNTU N'IMYAKA 125 IVANJILI IGEZE MU RWANDA




***DUHIMBAZE YUBILE UKO BIKWIYE TURANGAMIYE KRISTU, SOKO Y'AMIZERO, UBUVANDIMWE N'AMAHORO***

**KIGALI KU WA 08 UKUBOZA 2024**

# IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA IGENEWE ABAKRISTU MU GIHE CYA YUBILE Y'IMPURIRANE : IMYAKA 2025 Y'UGUCUNGURWA KWA BENE MUNTU N'IMYAKA 125 IVANJILI IGEZE MU RWANDA

***DUHIMBAZE YUBILE UKO BIKWIYE***
***TURANGAMIYE KRISTU, SOKO Y'AMIZERO,***
***UBUVANDIMWE N'AMAHORO***

## INTANGIRIRO

Bakristu dukunda,

1. Turabaramukije, mu Izina ry'Imana Data Umubyeyi wa twese, na Mwana waducunguye, na Roho Mutagatifu udutagatifuza, uduhuriza mu rukundo rw'abana b'Imana.

Ku itariki ya 3 Ukuboza 2023 twabagejejeho ibaruwa itangaza Yubile y'impurirane twise "*Twitegure guhimbaza imyaka 2025 y'ugucungurwa kwacu n'imyaka 125 Inkuru nziza igeze mu Rwanda*". Iyo Yubile yafunguwe ku rwego rw'igihugu ku itariki ya 10 Gashyantare 2024 muri Bazilika nto ya Kabgayi. No mu zindi diyosezi, Yubile yarafunguwe kandi n'ibikorwa bijyana nayo biracyakomeje, ikazasozwa ku itariki ya 6 Ukuboza 2025, muri Arikidiyosezi ya Kigali. Ubu rero, twebwe Abepiskopi banyu twifuje kubagezaho indi nyandiko ibafasha gukomeza guhimbaza Yubile uko bikwiye.

2. Iyi baruwa igizwe n'ibice bine. Igice cya mbere kirasobanura muri rusange yubile icyo ari cyo. Igice cya kabiri kigasesengura insanganyamatsiko y'iyi Yubile y'impurirane, ari yo "*Turangamire Kristu, soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro*". Igice cya gatatu kigaragaza imbuto z'iyogezabutumwa mu Rwanda muri iyi myaka 125. Igice cya kane kirerekana ibibazo bibangamiye inzira

y'ukwemera n'imigambi ihamye yadufasha kwivugurura ngo dukomeze kubaka Kiliziya yacu.

## IGICE CYA MBERE: DUSOBANUKIRWE NA YUBILE

### *Yubile ni iki?*

3. Ijambo yubile rikomoka ku Gihebureyi "*Yobel",* bisobanura *ihembe* ry'isekurume Abayahudi bifashishaga bavuza impanda mu kumenyesha rubanda inkuru idasanzwe. Iryo hembe rero ni na ryo umuryango w'Imana wakoreshaga mu gutangaza intangiriro yo kwizihiza umwaka mutagatifu w'impuhwe z'Imana n'ibohorwa ryawo mu bucakara bw'Abanyamisiri. Uko kuvuza *ihembe* biteguza umwaka mutagatifu, ni byo byaje guhinduka umwaka wa yubile.

4. Kumenya igihe gikwiye cyo guhimbaza yubile tubisanga mu gitabo cy'Abalevi. Uhoraho ubwe ni we wasabye umuryango we ko numara kugera mu gihugu cy'isezerano uzajya uhimbaza yubile nyuma ya buri myaka mirongo ine n'icyenda. Yabibabwiye muri aya magambo: *"Uzahere ku mwaka wa mbere ubara, nugera kuwa karindwi wongere utangire, bityo bityo, maze ubigire inshuro ndwi. Nurangiza, icyo gihe cyose uzaba warabaze kizaba kingana n'imyaka mirongo ine n'icyenda. Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, uzavuze ihembe ryo kwizihiza Uhoraho. Ku munsi mukuru w'imbabazi, ni ho ihembe rizavuga mu gihugu cyanyu cyose. Muzatangaze mu gihugu*

*cyanyu ko uwo mwaka wa mirongo itanu ari mutagatifu, kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose. Mbese izaba ari yubile yanyu…"* (Lev 25, 8-10).

***Yubile ni igihe cyo gushimira Imana***

5. Nk'uko bigaragara mu magambo y'Uhoraho tumaze kubona, yubile ni igihe cyo gushimira Imana kubera ineza n'urukundo itugirira. Ni igihe cyo gutangarira ubuntu bwayo butagereranywa, Yo yemera kugendana na mwene muntu kugera no mu mateka ye agoranye. Ni igihe cyo guhimbarwa n'ubwo ibibabaje n'ibihangayikisha muntu biba bitabuze. Ni igihe kandi cyo kugaragaza ko hirya y'umwijima w'ibibazo n'ibigeragezo umuntu anyuramo, haba hari n'icyezezi cy'urumuri (reba Iyim14, 15-30). Ni byo na Papa Fransisko yatwibukije igihe yatangazaga iyi Yubile ku rwego rwa Kiliziya y'isi yose mu nsanganyamatsiko yayihaye igira iti: "*Abagendana amizero*"[1].

***Yubile ni igihe cy'imbabazi***

6. Umwaka wa yubile ni impano y'Imana, ni yo mpamvu witwa umwaka mutagatifu, umwaka w'impuhwe z'igisagirane. Tuwuronkeramo ingabire z'Imana zitagira urugero, cyane cyane kubabarirwa ibyaha no kubohorwa ku ngoyi ya Sekibi. Ku buryo bw'umwihariko tuwuronkeramo

---

[1]Ibaruwa yo kuwa 11/02/2022 Papa Fransisko yandikiye Myr Rino Fisichella, Perezida w'Urwego rukuru rwa Kiliziya rushinzwe kwimakaza Iyogezabutumwa rivuguruye, p. 2.

indulugensiya zishyitse, nk'ikimenyetso gikomeye cy'impuhwe ndengakamere z'Imana.

7. Mu gufasha abakristu kwakira izo mbabazi z'Imana muri iki gihe cya Yubile y'impurirane, hirya no hino muri za diyosezi zacu hagenwe ahantu hihariye hakinguwe umuryango w'impuhwe z'Imana. Abakristu bakorera ingendo nyobokamana aho hantu, bakinjira muri uwo muryango w'impuhwe z'Imana, baronka za mbabazi zisendereye z'Imana. Hashyizweho kandi gahunda y'impuhwe za Yubile igamije gufasha abakristu gukomorerwa amasakaramentu.

***Yubile ni igihe cyo gufata imigambi mishya***

8. Yubile ikwiye kubera abakristu igihe cyiza cyo kwivugurura, kugarukira Imana, kurushaho gusenga no kugira ngo barusheho gutunganira Imana. Ni igihe kandi cyo kunoza imibanire yacu tumurikiwe n'urukundo rw'Imana rudusaba kwakira imbabazi zayo, gusabana imbabazi no kuzihana.

## IGICE CYA KABIRI: YEZU KRISTU, SOKO Y'AMIZERO, UBUVANDIMWE, N'AMAHORO

Bakristu dukunda,

9. Yubile ni igihe cyiza cyo kongera kuzirikana icyerekezo cy'ubuzima bwacu bwa gikristu, tukarushaho kubushingira kuri Yezu Kristu; We uduhamagarira kumukurikira no kumubera abahamya muri iyi si yacu (reba Intu1, 8). Muri iki gihe abenshi barangwa no guhuzagurika no kumira bunguri imico n'imitekerereze itagendanye n'Ivanjili, dukwiye kugaruka ku gicumbi cy'ukwemera kwacu. Turebere hamwe uko Yezu Kristu yatubera isoko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro mu isi ya none.

### Yezu Kristu, ibuye nsanganyarukuta twubakiyeho

10. Mu myubakire, "*ibuye nsanganyarukuta*" ni ibuye rishyirwa mu nguni ku buryo bwitondewe rigahuza inkuta kandi rikazikomeza. Ni ryo fatizo ry'ibikurikiraho byose mu kuzamura inyubako. Birumvikana ko ari ryo ry'ingenzi mu nyubako yose, akaba ari na ryo inkuta zipimirwaho ubugororoke n'ubwiza.

11. Niba Kristu atubereye ibuye ry'insanganyarukuta ku nyubako twese abamwemera dusobetseho ariyo Kiliziya, birumvikana ko tugomba kumwishingikirizaho (reba 1Pet 2,6; Iz 28,16) no kugendera ku murongo aduha. Ibyo bisobanura kumwumvira no kumwigana, kutabusanya na We no kwirinda kunyuranya n'Ivanjili ye mu mibereho yacu.

12. Mutagatifu Petero Intumwa agaragaza ko iryo buye ari n'ibuye nyabuzima ryifitemo ububasha bwo gutanga ubuzima ku baryegereye bose bakaryishingikiriza, ari byo bituma na bo baba amabuye mazima (reba 1 Pet 2,4-6). Ubwo buzima Kristu aduha akomeza kubutubuganizamo yifashishije amasakaramentu yaturemeye cyane cyane Ukaristiya.

**Yezu Kristu ni We mizero yacu**

13. Ukwizera hamwe n'ukwemera n'urukundo ni imigenzo mbonezamana ifasha abakristu kunga ubumwe mu rugendo rw'ubuzima bwabo bwa hano ku isi barangamiye ubugingo bw'iteka. Ukwizera n'ukwemera ni amagambo abiri yegeranye kandi yuzuzanya (reba Heb 10,22-23), ndetse rimwe rishobora gusimbura irindi. Ibaruwa yandikiwe Abahebureyi igira iti "*Ukwemera ni ishingiro ry'ibyo twizeye kukatubera n'icyemezo cy'ibitagaragara*" (Heb 11,1).

14. Mu Ibaruwa yandikiye Abanyefezi, Pawulo Mutagatifu atubwira ko igihe bari bataramenya Imana bari babayeho nk'abatagira amizero (reba Ef 2,12), ibyo bigasobanura ko kumenya Imana ari rwo rufunguzo rw'ubuzima bufite amizero.

15. Papa Benedigito XVI abigarukaho mu Ibaruwa ye ya gishumba yise "*Twakijijwe mu bwizere*" (*Spe Salvi*) aho agira ati "*Ukwizera ni icyangombwa kigomba kuranga*

*abakristu bose bazi ko ubuzima bwabo butarangirira mu busa ahubwo bufite icyerekezo muri Kristu*”[2].

16. Ufite ukwizera ahorana ubuzima bushya. Uwakwibaza icyo ukwemera n’ukwizera bimariye umuntu, igisubizo ni iki: bituvana mu rupfu bikatujyana mu bugingo bw’iteka. Umuntu ntashobora gukizwa n’ubumenyi butazi Imana kandi ngo buyishakashake. Utazi Imana burya nta kwizera aba afite[3]. Kwizera Imana ni ukwemera urukundo rwayo, Yo yadukunze kugera ku ndunduro muri Yezu Kristu (reba Yh 13,1).

**Igisobanuro cy’amizero nyakuri**

17. Mu ibaruwa yanditse mu ntangiriro y’iki kinyagihumbi, Mutagatifu Papa Yohani Pawulo II yakanguriye abakristu kugaruka ku mugenzo mwiza w’ukwizera no kutibagirwa agaciro kawo mu buzima bwabo, bityo bagahuza imibereho yabo n’umugambi w’Imana wo gukiza abantu[4].

18. Mu gihe turimo birakwiye kwibaza aho amizero ya muntu ashingiye, kuko ibyo ashyiramo amizero ye atari ko byose bimuzanira agakiza. Ni byo koko, umuntu wese, kuva mu bwana kugera mu zabukuru, aharanira kubaho neza kandi akifuza umunezero no guhirwa mu buzima, mu muryango no mu mirimo ye. Ariko biratangaza kubona nta na kimwe muri ibyo gishobora kumuha umunezero

---

[2] Benoît XVI, *Lettre Encyclique Spe Salvi* (30 novembre 2007), n.2
[3] Idem, n.27.
[4] Jean Paul II, *Tertio millenio adveniente*, n.47

urambye cyangwa uhoraho. Umuntu nta mizero yagira igihe cyose adashingiye ku Mana. Papa Benedigito XVI yongera kubigarukaho agira ati "*Imana ni yo Mizero nyayo, yo Mugenga w'isi turimo kuko ari Yo itureshya kandi ikaduha ibyo twebwe tutabasha kwigezaho*"[5]. Ni ahongaho amizero yacu ashingiye.

**Amizero ajyana mu bugingo bw'iteka**

19. Amizero y'abakristu ashingiye ku izuka, kuko ubuzima bwa hano ku isi nta handi bwerekeza atari mu buzima bw'iteka, aho Yezu Kristu umuzukambere mu bapfuye yatubanjirije. Pawulo Mutagatifu abihamiriza Abanyatesaloniki abasaba ko batagomba guhera mu bujiji ku byerekeye abapfuye nk'abatagira icyo bizera (reba1Tes 4,13).

20. Kugira amizero ni uguha agaciro ubuzima bwa hano ku isi ugamije kwitegura kuzabaho ubuziraherezo mu bugingo bw'iteka. Amizero nyayo ashingiye kuri Yezu Kristu. Ni we Bugingo, ni we utanga ubuzima nyabuzima bumwe budakurwaho n'urupfu. Ni We Buzima bufite icyicaro hafi y'Imana hamwe yagiye kudutegurira (reba Yh 14,2). Ni We Soko y'ubuzima budacagase, bwuzuye imbaraga n'inema ntagatifuza tuvoma mu mutima we utuza kandi woroshya. Ubwo buzima abugabira abemera kuyoborwa na We bose, maze akababera inzira, ukuri n'ubugingo (reba Yh 14, 6).

---

[5] Benoît XVI, *Spe Salvi*, n.31

## Inkingi z'amizero yacu

21. Inkingi ya mbere y'amizero yacu ni isengesho. Ni ryo riduhuza n'Imana, Yo Soko y'amizero (reba Rom15,13). Papa Benedigito XVI yabigarutseho mu Ibaruwa ya gishumba twavuze haruguru yibutsa amagambo ya Mutagatifu Agustini, avuga ko isengesho ari igikorwa kidusukura, kikadukuramo ibyifuzo bijyana ku kwiringira ibidafashe, kikatwegereza Imana kandi kikaduhuza na bagenzi bacu[6]. Isengesho ridufasha gusobanukirwa ko ibyo twizeye bidashingiye ku busa ahubwo byubakiye ku Mana. Mu isengesho, Imana itanga imbaraga zitsinda ubwoba no gushidikanya, zikaduha gukomera mu kwizera.

22. Indi nkingi ishyigikira amizero yacu ni ibikorwa byiza. Mu mico no mu myitwarire y'umukristu ni ho hagaragarira ukwizera yifitemo. Nk'uko twabikomojeho, ukwemera n'ukwizera bigira aho bihurira kandi nk'uko Yakobo Mutagatifu abivuga ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye (reba Yak 2,17). Mu bikorwa by'urukundo ni ho muntu agaragariza ubumwe afitanye na bagenzi be, akifatanya na bo mu byishimo no mu mibabaro. Mu kwizera ni ho duhishurirwa ko umuntu abereyeho gukorera Imana kandi akamenya ko iherezo ry'ubuzima bwe riri mu Mana.

23. Inkingi ya gatatu y'amizero yacu, ni ukwakira imibabaro duhura nayo mu buzima bwacu. N'ubwo

---

[6] *Spe Salvi,* n.33

ububabare butera benshi kwiheba no gutakaza icyizere cy'ubuzima, Yezu ni We utanga amizero yo kubaho. Aruhura abarushye agahumuriza ababababaye: "*Nimungane mwese abarushye n'abaremerewe, njye nzabaruhura*" (Mt11, 28). Papa Benedigito XVI adusobanurira ko muntu akeneye ihumure ry'urukundo rw'Imana rutuma inyenyeri y'ukwizera irasira mu mutima we, ikeyura umwijima w'imibabaro ahura na yo[7]. Ni ngombwa rero guheka umusaraba wacu turangamiye Kristu, soko y'amizero. Ishema ryacu ni umusaraba wa Yezu Kristu. Pawulo Mutagatifu abiduhamiriza agira ati: "*Njyewe nta kindi nakwiratana kitari umusaraba wa Nyagasani wacu Yezu Kristu*" (Gal 6, 14).

## Yezu Kristu, Soko y'ubuvandimwe

24. Mu ibaruwa yandikiye Abanyefezi, Mutagatifu Pawulo Intumwa agaragaza neza ko mu byo Yezu Kristu yari agamije aza kuducungura harimo kurema umuryango umwe w'abemera. Ibyo yabigezeho ku bw'amaraso yameneye ku musaraba, nk'igitambo cyagize Abayahudi n'Abanyamahanga umubiri umwe; kikabagorora n'Imana (reba Ef 2,16). Nyuma y'ibyo, ubu noneho nta kintu na kimwe gikwiye kudutandukanya hagati yacu nk'abemera cyangwa ngo kidutandukanye n'Imana (reba Ef2, 14-15). Mutagatifu Pawulo Intumwa atubwira ko ugucungurwa kwacu ari ukuremwa bundi bushya: ari umuyahudi, ari n'utari we, Kristu, ku bw'igitambo cye, yabaremyemo

---

[7] *Spe salvi*, n.39

umuntu umwe mushya (reba Ef 2,15; Gal 3,28-29), ingingo z’umubiri umwe ariwo Kiliziya Kristu abereye umutwe.

**25.** Iyo Kiliziya ari wo muryango mushya w’abana b’Imana, ihuriza hamwe abantu bose muri Kristu itirengagije umwihariko wa buri wese. Nyamara uwo mwihariko wa buri wese ufite agaciro gake ugereranyije n’ubumwe bw’abana b’Imana. Kubera iyo mpamvu, ubumwe bwuzuye ni bwo bugomba guhora buranga abagize Kiliziya. Bityo ntawe ugomba kwitandukanya n’abandi ngo yumve ko atabakenera kandi bahuriye muri uyu muryango mushya ari wo Kiliziya. Twese turi abana b’Imana, muri Kristu turi abavandimwe (reba Mt 23,8).

### Yezu Kristu ni isoko y’amahoro

**26**. Amahoro nyayo asobanura ituze rishingiye ku mubano mwiza hagati y’Imana n’abantu no hagati y’abantu ubwabo. Amahoro nk’ayo, ni yo Yezu Kristu atanga. Koko rero, ijambo rya mbere Yezu yabwiye abigishwa be nyuma yo kuzuka mu bapfuye, ni amahoro. Yagize ati: “*Nimugire amahoro*” (Yh 20,19). Ayo mahoro abayahawe bagomba kuyasigasira barangamira Kristu, bagororokera Imana kandi bihatira kubanira neza bagenzi babo bose basangiye ugucungurwa.

**27**. Uwakiriye ayo mahoro aturuka kuri Yezu Kristu akayasangiza n’abandi arahirwa kuko aba ari umwana w’Imana koko. Yezu ati: “*Hahirwa abatera amahoro, kuko bazitwa abana b’Imana*” (Mt 5,9).

**28.** Kujya kure y'isoko y'ayo mahoro ni byo ntandaro y'inzangano, amakimbirane n'intambara dusanga hirya no hino ku isi. Kugera kuri ayo mahoro bidusaba kugarukira Yezu Kristu watwitangiye akatwunga n'Imana na bagenzi bacu no gukurikiza ijambo rye. Koko rero, biragoye ko isi yagira amahoro yirengagije isoko yayo ari yo Kristu ubwe.

**29.** Ayo mahoro Kristu atanga nk'umurage ku bamwemera (reba Yh 14, 27), si amahoro asanzwe mu buryo bwa muntu yaba asa nk'ubworoherane buturutse ku bwumvikane cyangwa amasezerano hagati y'abantu biyemeje gukemura amakimbirane yabo. Ahubwo ni amahoro y'umutima ashingiye ku butungane bugarura ituze nyaryo hagati y'Imana n'abantu ndetse no hagati y'abantu ubwabo.

**30**. Ikindi kandi, amahoro Kristu yadusigiye, ari na yo duhora twibutswa n'umusaserdoti muri buri gitambo cya Misa, uyafite arangwa no kwiyegurira ugushaka kw'Imana koko, ndetse no kuguharanira muri byose.

### Ukaristiya, isoko y'urukundo n'ubumwe

**31**. Nk'uko tubisanga muri Gatigisimu, "*Ukaristiya ni isakaramentu ririmo Yezu Kristu ubwe rwose, n'umubiri we n'amaraso ye, mu bimenyetso by'umugati na divayi, akatubera icyarimwe igitambo, ifunguro n'inshuti tubana*"[8]. Ni koko mu Ukaristiya, Yezu Kristu Umwami n'Umukiza wacu arimo rwose, arimo wese, atwitayeho kandi aradukiza, nk'uko ubwe yabyivugiye ati: "*Ni jye mugati wamanutse mu ijuru. Urya uwo*

[8] Gatigisimu, N° 140

*mugati azabaho iteka. Kandi uwo mugati nzatanga ni Umubiri wanjye, kugira ngo isi igire ubugingo”* (Yh 6, 51).

***Ukaristiya ni isoko y’urukundo***

**32**. Mu Ukaristiya Imana yatweretse urukundo rwayo rwahebuje nk’uko Ivanjili yanditswe na Yohani Mutagatifu ibitubwira: *“Ni koko Imana yakunze isi cyane, bigeza aho itanga Umwana wayo w’ikinege, igira ngo umwemera wese atazacibwa, ahubwo agire ubugingo bw’iteka”* (Yh 3, 16).

**33.** Ukaristiya ni imbuto y’urukundo rw’Imana, urukundo rwitanga kugera no ku rupfu, kugira ngo isi yose igire ubuzima. Umubiri n’amaraso bya Kristu duhabwa mu gisa n’umugati na divayi ni ifunguro ry’ukwemera. Gusa hirya y’ibyo, tuzirikana urukundo rukomeye Imana ikunda abantu. Mu by’ukuri, iyo dusanze Yezu mu Ukaristiya tukamuhabwa twiteguye, ni We utwakira akaturuhura, akadukiza, akaduha ubuzima busendereye kandi akaduha gusa na We. Ibyo ni byo Mutagatifu Agustini atubwira agira ati: “*Iyo duhabwa Kristu duhinduka uwo duhawe*!”.

**34**. Iyo tuzirikanye ku gaciro k’urwo rukundo rw’Imana rwitangira abantu, bidutera kubaha Yezu mu isakramentu ry’Ukaristiya kuko ari ho atwerekera urwo rukundo rwahebuje adukunda. Kumushengerera no kumuramya mu Ukaristiya ni bwo buryo bubangutse bwo gushimira Imana iyo neza idahwema kugirira muntu, imutungisha ubuzima bwayo bwite nk’ifunguro ritanga ubugingo bw’iteka.

### *Ukaristiya ni isoko y'ubumwe*

**35**. Mu Ukaristiya Yezu aturebana ineza ye ihora igambiriye kudukura ahabi, kudukiza icyaha n'icyago kandi akatwunga n'Imana. Ukaristiya ni ikimenyetso cy'urukundo n'impuhwe by'Imana bitagamburuzwa n'inabi cyangwa ubuhemu bwa muntu. Ni yo idutera gufata iya mbere mu gusaba imbabazi, kubabarira no kwiyunga na bagenzi bacu. Ni koko mu Ukaristiya Ntagatifu duhabwa Kristu watwitangiye, akatwunga n'Imana n'abavandimwe bacu. Bityo, Ukaristiya ikatubera ikimenyetso cy'ubumwe n'umubano w'abemera Kristu aho bava bakagera.

**36**. Igihe duhabwa Yezu mu Ukaristiya tuba dushimangira ubumwe dufitanye muri Kristu, We wazanywe ku isi no guhuriza mu bumwe abana b'Imana. *"Kandi koko muri abana b'Imana, Yo yohereje Roho w'Umwana wayo mu mitima yanyu ngo arangurure ijwi agira ati: Abba, Data!"* (Gal 4, 6). Mu guhabwa Yezu Kristu mu Isakramentu ry'Ukaristiya no kumushengerera, tuhavoma imbaraga za Roho Mutagatifu zituma twunga ubumwe nk'abana b'umubyeyi umwe.

## IGICE CYA GATATU: IMBUTO Z'IVANJILI MU MATEKA Y'U RWANDA

**37**. Kuva Abamisiyoneri ba Afurika bagera mu Rwanda mu w'1900, Kiliziya yaranzwe no kwamamaza Ivanjili, ibyo bikajyana n'ibikorwa bizamura imibereho y'umunyarwanda muri rusange. Ibyo byakozwe n'abihayimana bafatanyije n'abalayiki. Ku isonga ry'Abamisiyoneri hari Musenyeri Hirth wabonye kare ko mu banyarwanda havamo abo basangira umurimo n'ubutumwa, maze yohereza i Bukoba muri Tanzaniya abajya kwiga ngo bazabe abapadiri; aba mbere bakaba barabuhawe mu w'1917. Yashinze seminari ya mbere mu Rwanda, i Kabgayi mu w'1913. Yanatekereje kare abaziha Imana b'igitsina gore, bityo atangiza umuryango wa Benebikira, maze umubikira wa mbere asezerana mu w'1919.

**38.** Mu butumwa bwabo, Abamisiyoneri ntibitaye kuri roho gusa ahubwo banazirikanye ya mvugo igira iti: "*roho nzima mu mubiri muzima*". Kogeza Ivanjili babifatanyaga no kwita ku bikorwa by'iterambere rusange rya muntu mu buzima bw'Abanyarwanda. Ni yo mpamvu, abenshi bakoraga ingendo ndende n'amaguru, bagafatanya n'abakristu kubaka za kiliziya, amashuri, amavuriro n'ibindi.

### Uburezi n'uburere

**39.** Mu bijyanye n'uburezi n'uburere, abogezabutumwa bubatse amashuri mu buryo bujyanye n'ubushobozi bari

bafite kandi babikora henshi. Bakundaga kubaka ayo mashuri hafi ya za Misiyoni. Ni yo mpamvu amashuri menshi tuyasanga ahari za Misiyoni za mbere, urugero Save, Zaza, Nyundo, Rwaza, Mibirizi, Kabgayi n'izindi. Uko Misiyoni zagiye zikurikirana mu gushingwa ni na ko byajyanaga no kuhashyira amashuri, bityo kumenya Imana bikajyana no kujijuka. Muri uru rwego rw'uburezi kandi umuryango w'Abadominikani ushimirwa kuba ari wo wafatanyije na Leta gutangiza Kaminuza Nkuru y'u Rwanda i Butare mu mwaka wa 1963.

**40.** Abigiraga amasakaramentu ari bakuru, banigishwaga gusoma no kwandika mu mashuri bitaga "*ibibeho*". Hashyizweho kandi n'amashuri bitaga ingoboka kuko abakomezaga mu mashuri yisumbuye babaga ari bake cyane ugereranyije n'umubare w'abari mu kigero cyo kwiga. Ayo mashuri rero yagobotse benshi koko, n'ubwo na yo ubwayo atari ahagije. Abayasohokagamo bafashaga cyane mu bwarimu no mu yindi mirimo inyuranye yatezaga imbere umuryango nyarwanda.

Kiliziya yakomeje kugira uruhare mu burezi n'uburere kugeza na n'ubu ishinga amashuri hirya no hino mu gihugu, kuva ku y'incuke kugeza kuri za kaminuza.

## Ubuvuzi no kwita ku buzima

**41.** Mu Rwanda, Abamisiyoneri ba mbere basanze urwego rw'ubuzima ruri hasi. Ubuvuzi bwari buhari bwari gakondo kandi bukivanzemo no kwizera abapfumu cyane. Batangije ubuvuzi bukoresha imiti yemewe n'abahanga, banashyigikira ubuvuzi bwa gihanga bwagaragazaga ko

bufasha koko ababugana gukira indwara. Ibyorezo byagiye bigabanuka kubera imiti n'inkingo bazanye. Hubatswe amavuriro hamwe na hamwe, hubakwa kandi ibigo nderabuzima n'ibigo mbonezamirire hirya no hino mu gihugu. Abihayimana, cyane cyane ababikira, bakoze akazi gakomeye mu kwigisha abaturage imirire iboneye n'indyo yuzuye, akamaro k'imboga n'imbuto mu mikurire y'abana no mu kugira ubuzima bwiza muri rusange.

**42**. Ku rundi ruhande, Kiliziya ntiyirengagije ubuvuzi gakondo, ahubwo bamwe mu bapadiri bakomeje kubukoraho ubushakashatsi. Muri bo, uwamenyekanye cyane ni Padiri Telesifori Kayinamura wubakishije ivuriro rya Kinyarwanda i Mutenderi muri Paruwasi ya Bare, ho muri Diyosezi ya Kibungo. Twavuga kandi na Padiri Tomasi Bazarusanga, wakoze ubushakashatsi ku nzoka n'ubugombozi mu rwego rwo kugabanya ibyago by'abicwaga n'ubumara bw'inzoka.

**43.** Mu rwego rw'ubuzima n'ubuvuzi, na n'ubu Kiliziya iracyagaragaza ibikorwa hirya no hino yongera umubare w'ibitaro, ibigo nderabuzima n'ibigo mbonezamikurire ari na ko yongera umubare w'abakozi babikoramo.

## Imibereho myiza n'iterambere

**44.** Mu iterambere rusange, Kiliziya ntiyasigaye inyuma. Aho Misiyoni zubakwaga hahinduraga imibereho y'abahatuye. Ni ho abantu bahuriraga, ni ho hari ibibuga byakira imikino itandukanye, hakabera inama zihuza abanyeshuri n'ibindi. Hari kandi bamwe mu bihayimana bari barateye intambwe mu by'ubwubatsi, amazi

n’amashanyarazi, ndetse no mu by’ikoranabuhanga. Aha twavuga nk’Abafurere b’Abayozefiti bigishije benshi ibijyanye n’ubwubatsi n’imyuga itandukanye, ababikira bigishije abakobwa benshi ubudozi, ubutetsi n’isuku. Hari kandi na Padiri Bourguet ku Ndiza wigishije abaturage kwegereza amazi ingo no kubyaza amashanyarazi utugezi duto tubegereye.

**45.** Nanone binyuze mu bogezabutumwa bayo, Kiliziya yagerageje n’iby’ikoranabuhanga ryashobokaga mu bihe byo hambere. Uwamenyekanye cyane muri urwo rwego ni Padiri Fraipont Ndagijimana, wigijishe benshi ubuhanga bw’ibya radiyo mu ruganda rwitwaga MERA, rwari i Gikondo, Abanyarwanda benshi batunze radiyo MERA. Ibi yabyigishije cyane cyane abafite ubumuga bw’ingingo.

**46.** Mu itumanaho n’itangazamakuru, Kiliziya yabereye abandi urumuri kuko ari yo yabaye iya mbere mu gutangiza ikinyamakuru cya mbere mu Rwanda ari cyo Kinyamateka, mu mwaka wa 1933 n’akanyamakuru ka Hobe (1954) kagenewe kujijura abana. Muri urwo rwego kandi, yashinze icapiro rya mbere mu mwaka 1932, ari ryo “Imprimerie de Kabgayi”. Si itangazamakuru ryandika gusa kandi, kuko ubu dufite na Radio Mariya Rwanda na Televiziyo Pacis bigeza amakuru ku bakristu mu buryo bw’amajwi n’amashusho kandi bikabafasha gusenga.

### Ubushakashatsi ku muco nyarwanda

**47**. Kiliziya Gatolika mu Rwanda yanigaragaje cyane mu bijyanye n’ubushakashatsi mu by’umuco n’amateka. Mu kwamamaza Inkuru nziza, ntiyirengagije umuco w’abo yari

izaniye Ivanjili. Abogezabutumwa ba mbere, kuko bari abanyamahanga, bihatiye kumenya ururimi rw'Ikinyarwanda, batangira kurwandika. Ni bo ba mbere bagerageje kwandika mu Kinyarwanda uko babyumvaga, hanyuma bigenda binozwa kugeza uyu munsi. Hariho abanditse Ijambo ry'Imana mu Kinyarwanda, abanditse imigani migufi n'imiremire, imivugo, ibisakuzo n'ibindi.

**48.** Musenyeri Aloyizi Bigirumwami yakoze ubushakashatsi ku muco nyarwanda agenda awuhuza n'inyigisho z'Ivanjili maze awugeza ku Banyarwanda mu bitabo yanditse. Yagaragaje by'ukuri ko hari ibyo Ivanjili yaheraho ikarushaho gucengera mu bayoboke b'Imana biciye mu muco nyarwanda. Musenyeri Alegisi Kagame, we yagize amahirwe yo kwinjizwa mu mabanga y'Abiru, abasha kuvoma mu buvanganzo nyabami, bituma atugezaho imiterere y'umuco nyarwanda n'inkingi ziwushyigikiye. Iyo atabikora byari gukomeza kuba ubwiru ntibizamenyekane. Yanditse byinshi birimo Filozofiya, amateka, ubuvanganzo bw'amazina y'inka[9] n'ibindi.

[9] Musenyeri Alegisi Kagame yanditse ibitabo byinshi n'inyandiko zitandukanye. Mu mateka icyamenyekanye cyane ni Inganji Karinga yanditse muri 1959. Mu gifaransa hari ibitabo bibiri bivuga amateka y'u Rwanda ku buryo burambuye: *Un abrégé de l'ethno-histoire du Rwanda*, Editions Universitaires, Butare 1972; *Un abrégé de l'histoire du Rwanda de 1853 à 1972*, Editions Universitaires du Rwanda, Butare 1975. Ibisigo Nyabami hafi ya byose niwe wagiye abikura mu basizi b'i Bwami. Ababishobora bazareba urutonde rurambuye rw'inyandiko ze: Kagame Alexis, *L'homme et son oeuvre*, Ministère de l'Enseignement Supérieur et de la Recherche Scientifique, Kigali, 1988.

**49**. Padiri Gasipari Simpenzwe agendeye ku mukarago w'isengesho rya Dawe Uri mu Ijuru ugira uti: ingoma yawe yogere hose (reba Mt 6,2), yakoze ubushakashakatsi ku ngoma nk'ikirangabwami[10]. Padiri Bernardini Muzungu yakoze ubushakashatsi ku Mana uko yavugwaga n'abakurambere. Yagaragaje neza ko abakurambere bari bafite uko bazi Imana imwe, Ishobora byose, ikaba Iyakare ari na yo bitaga Rurema.

**50**. Urugaga rwa Mutagatifu Pawulo rwo mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, rwashinzwe mu 1949, rwakoze ubushakashatsi bwinshi mu by'ubuvanganzo na muzika nyarwanda. Umuntu ntiyaba yibeshye avuze ko Seminari Nkuru ya Nyakibanda yagize kandi ikomeje kugira uruhare ndasimburwa mu gukwirakwiza ubumenyi bwa muzika yanditse mu buryo bwa gihanga na kinyamwuga.

## Ibikorwa by'urukundo n'impuhwe

**51**. Nk'uko biri mu Ivanjili no mu murongo w'inyigisho za Kiliziya, Yezu Kristu yaje gutangaza Inkuru Nziza ku bakene no kwamamaza umwaka w'impuhwe za Nyagasani (reba Lk 4,18-19). Mu butumwa bwayo mu Rwanda, Kiliziya yaranzwe n'impuhwe no kuba hafi y'abatishoboye n'abatagira kivurira. Ibinyujije muri Caritas, yatabaye abari mu kaga mu bihe bikomeye by'amateka y'igihugu cyacu, cyane cyane mu kubashakira ibiribwa, ibyo kwambara n'aho bikinga, kwishyurira amashuri abatishoboye no

---

[10] Yanditse igitabo yise *Ingoma i Rwanda. "Mana y' i Rwanda ingoma yawe yogere hose"*, Régie de l'Imprimerie Scolaire, Kigali 1992.

kubavuza, n'ibindi. Padiri Fraipont yitangiye abamugaye ku buryo bufatika i Gatagara. Abiyeguriyimana bakomeje kwitangira abafite ubumuga bunyuranye.

**52.** Hari Abiyeguriyimana bafashe iya mbere begera abo mu miryango y'abahabwaga akato mu mateka, babashishikariza kandi babafasha kwiga, kwigirira icyizere no kwibona nk'abandi Banyarwanda. Uwamenyekanye cyane muri ibyo bikorwa ni Padiri Sylvestre Ndekezi. Musenyeri Aloyizi Bigirumwami na we, mu kwita ku bahabwaga akato kubera uburwayi, yubatse ibitaro byitaga ku barwaye ibibembe ku Nyundo. Ababikira b'Abizeramariya, kuva bashingwa kugeza ubu, bakora ubutumwa mu batishoboye by'umwihariko abageze mu zabukuru. Ababikira b'Abakalikuta, aho bagereye mu Rwanda, bo bita cyane ku bakobwa batwara inda z'indaro n'abagira igishuko cyo kuzikuramo cyangwa kwica abo babyaye kuko babasamye batabyifuza. Bafashije benshi kumva ko ubuzima ari impano y'Imana ikwiye kwitabwaho igihe cyose.

**53.** Umugaragu w'Imana Sipiriyani Rugamba ndetse n'Abafurere b'amashuri abereye Kristu bashinze ibigo byakira kandi bikita ku bana bo ku muhanda, bakabereka urukundo baba baraburiye iwabo mu muryango. Muri bo, habonekamo benshi bakura bakagirira igihugu na Kiliziya akamaro.

## Kwita ku rubyiruko

**54**. Ku birebana no kwita ku rubyiruko, Kiliziya yahaye imbaraga imiryango ya Agisiyo Gatolika ibatoza

isengesho, imigirire n'imitekerereze iboneye kimwe no kumenya kwiteza imbere mu by'ubukungu. Imiryango yitabiriwe cyane n'urubyiruko ni Abasaveri, Abajosisiti (JOC), Abajesisiti (JEC), Abaskuti n'abandi.

**55.** Abana b'abakobwa, basaga n'aho badahabwa umwanya uhagije ugereranyije na basaza babo, bitaweho mu iyogezabutumwa kuko Kiliziya yaje ku isonga mu kubashyiriraho amashuri no kubashakira abarezi. Ayamenyekanye cyane kuva hambere ni ay'i Muramba, Rwaza, Nyundo n'ahandi.

## Burya ngo nta byera ngo de

**56.** Mu bihe bitandukanye by'amateka yacu, hagiye hagaragara ibikorwa n'imyitwarire bihabanye n'Ijambo ry'Imana. Habayeho inzangano n'amacakubiri bishingiye ku moko n'uturere. Ibi byateye ubugizi bwa nabi, ubuhunzi, intambara, ubwicanyi ndengakamere kugeza no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibyo birababaje kandi ni ibyo kugawa.

**57**. Muri Kiliziya habonetsemo Intwari zitazibagirana zabaye abahamya b'ukwemera aho rukomeye, ndetse hari n'abatanze ubuzima bwabo banga guhemuka. Nyamara ariko habonetsemo n'ababaye ibigwari. Hari bamwe mu bakristu bagize uruhare mu bwicanyi no mu bindi bikorwa bibi bima amatwi ijwi rya Kiliziya ryabagaruraga ku rukundo n'impuhwe. Mutagatifu Papa Yohani Pawulo II ni we wavuze ubwa mbere ko ibyaberaga mu Rwanda ari Jenoside. Yabivuze muri aya magambo: "*Ndumva ari ngombwa kuvuga ku bugizi bwa nabi burimo bukorerwa*

*abaturage bo mu Rwanda. Nta gushidikanya ko ari jenoside iriho ikorwa, kandi ikibabaje ni uko Abagatolika na bo bayifitemo uruhare. Buri munsi mba ndi hafi y'abo bari mu kaga gakomeye, nkaba nsaba abateguye ubwicanyi n'ababushyira mu bikorwa kwisubiraho, bakumva icyo umutimanama wabo ubabwira. Barimo kujyana igihugu mu manga. Abo bose amateka azabibabaza, ndetse n'Imana ubwayo izabibabaza. Nyagasani arabasaba kwisubiraho bafashijwe n'ibihugu by'inshuti no kugira ubutwari bwo kubabarira no gukundana nk'abavandimwe*"[11].

**58.** Nk'uko twabikoze mu guhimbaza Yubile y'imyaka 2000 y'ugucungurwa kwa Muntu n'imyaka 100 Inkuru nziza igeze mu Rwanda, twongeye gushishikariza abatatiye igihango cy'urukundo rw'Imana n'urw'abavandimwe, kwicuza, gusaba imbabazi no kwiyunga n'abo bahemukiye ndetse n'umuryango w'Abanyarwanda.

---

[11] *Sa Sainteté le Pape Jean Paul II et le Rwanda. 25 ans de Pontificat (1978-2003)*, ( textes rassemblés par A. Joseph Ngomanzungu), Pallotti Presse, Kigali, 2003, p. 123

## IGICE CYA KANE: TWIVUGURURE, TWUBAKE KILIZIYA YACU

**59**. Nk'uko twabibonye, guhimbaza Yubile ni umwanya wo kwishima no gushimira Imana. Ariko nanone ntidukwiye gutwarwa n'ibirori gusa ngo twibagirwe ko ari n'umwanya wo kwisuzuma no kwivugurura. Ni yo mpamvu mu kwishimira ibyiza Imana yadukoreye dufata uyu mwanya ngo turebe neza ibyo tutatunganyije maze dufate imigambi mishya. Ni igihe mbese cyo kumva ya mpuruza ya Pawulo Mutagatifu mu ibaruwa yandikiye Abanyefezi agira ati: "*Kanguka wowe usinziriye; haguruka uve mu bapfuye, maze Kristu akumurikire*" (Ef 5,14)!

### Twese duharanire kwivugurura

**60.** Urugendo rwo kwivugurura ntirugira aho rurangirira, kuko uko umuntu yegera Imana ari na ko arushaho kubona ko ntaho aragera mu butungane. Bisaba rero guhorana inyota yo gutera intambwe mu iyobokamana.

**61.** By'umwihariko, intege nke za muntu zidusaba guhora twivugurura duhabwa amasakaramentu, ari na ko twitabira gusoma no kumva Ijambo ry'Imana. Kwivugurura bitangirira mu kumva Nyagasani utubwira ati: "*Dore mpagaze ku muryango ndiho ndakomanga, nihagira uwumva ijwi ryanjye akankingurira, nzinjira nsangire na we, na we asangire nanjye*" (Hish 3,20).

**62**. Kwivugurura kandi bidusaba kumenya guhitamo umwanya mwiza nka Mariya, bityo aho guhihibikanira byinshi, tugakomera ku cy'ingenzi ari cyo kwicara ku birenge bya Nyagasani ngo twumve Ijambo rye (reba Lk

10, 38-42). Aho ni ho dushobora kuvoma imbaraga zo kujya mu butumwa Nyagasani aha buri wese akurikije ingabire yamuhaye (reba1 Kor 12,4). Mu rugendo rwo kwivugurura, dusabwa kuba maso no gusenga nk'uko Nyagasani yabishishikarije abigishwa be agira ati: "*Nimube maso kandi mwambaze, kugira ngo mutaza kugwa mu gishuko: umutima w'umuntu uharanira ibyiza, naho umubiri wo ugira intege nke*" (Mt 26,41). Ntawakwirarira rero ngo yibwire ko adakeneye guhinduka, dore ko n'Umubyeyi Bikira Mariya yabigarutseho kenshi ubwo yabonekeraga i Kibeho adushishikariza guhinduka inzira zikigendwa. Iki si igihe cyo kurangara, kuko Sekibi agira amayeri menshi yo kuturangaza agira ngo aduteshe inzira igana Imana. Mu buryo bwihariye, ni ngombwa kumenya ko ibi bihe turimo hari byinshi byugarije ukwemera kwacu.

**Tumenye ibimenyetso by'ibihe**

**63**. Muri iki gihe duhimbaza Yubile y'impurirane, hari ibintu byinshi bibangamiye ukwemera kwacu. Isi ya none ishaka guheza Imana, ikimakaza imyumvire y'uko umuntu yihagije ubwe, mbese ko adakeneye Imana kuko yumva ibangamiye ukwishyira ukizana kwe. Kwimura Imana no kwimakaza ubwigenge butagira rutangira byahungabanyije indangagaciro zayoboraga bene muntu. By'umwihariko, iyo myumvire yigizayo Imana, ikimakaza uburenganzira bwihunza inshingano, ihabanye n'umusaraba wa Kristu dukesha umukiro. Bene iyo myumvire ishyira imbere ukwishimisha n'ukwigwizaho imitungo ariko imitima ikarushaho kubura ubuntu n'ubumuntu. Ingaruka z'imyumvire nk'iyo ni ukugarukira ku bishimisha by'igihe

gito ariko bikaroha ubuzima bwa muntu. Aha twavuga nko kwishora mu biyobyabwenge, ubusinzi, ubusambanyi n'andi maraha y'akanya gato abantu bitwaje ngo bigezweho kandi ngo ni uburenganzira bwabo.

**64**. Muri uko gushaka kwigizayo Imana kandi, abantu bishingikiriza iterambere rya siyansi n'ikoranabuhanga bagezeho, bityo bakibeshya ko basimbura Imana. N'ubwo ikoranabuhanga na siyansi byagejeje muntu kuri byinshi byiza, nyamara ku rundi ruhande iyo bikoreshejwe nabi, hari byinshi byangiza mu buzima bw'abantu. Aha twavuga nko guhumanya ikirere, intwaro zikoreshwa mu ntambara zihitana ubuzima bw'abantu, gushaka guhindura imiterere kamere ya muntu n'ibindi. Ku buryo bw'umwihariko, ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi rishobora guhindura abantu imbata zaryo, rikabonona mu mutwe no mu mitekerereze, ndetse hari n'abo risenyera ingo.

**65.** Mu bindi bimenyetso biranga ibihe turimo ni uguhuzagurika mu myemerere. Hadutse abigisha benshi n'amatorero menshi maze bakayobya abadakomeye mu kwemera, bakababakurikira dore ko hadutse n'imvugo ngo "Imana iri hose, byose ni ugusenga". Ibi hari abo bigiraho ingaruka nko gutakaza imitungo yabo, gusenyuka kw'ingo, kwiheba no kuzinukwa burundu iby'Imana.

## Ibibazo by'insobe bitwugarije mu nzira y'ukwemera

**66**. Mu guhimbaza Yubile ni byiza ko dufata umwanya wo kuzirikana ku bibazo by'insobe bitwugarije kugira ngo tubiture Imana ari na ko tuyemerera ngo ituyobore mu

gushaka ibisubizo bikwiye. Nubwo nta buzima butagira ingorane, muri iki gihe hari ibibazo byihariye dukwiye kuzirikanaho. Muri byo hari ubuhakanyi bugenda bwiyongera, ubukene mu bantu no mu miryango, irondakoko, intambara hirya no hino, ndetse n'ibibazo byihariye byugarije umuryango.

***Ubuhakanyi***

**67**. Hari ubuhakanyi bwigaragaza mu magambo no mu nyandiko, ariko hari n'ubutigaragaza, nyamara buriho kandi bubangamiye ukwemera. Nubwo ubuhakanyi bwahozeho, muri iki gihe ho bwaramamaye ndetse buramamazwa kugera aho bufata ishusho y'ubugomeramana. Bigeze aho mu mpande zimwe z'isi, kwemera Imana byahindutse impamvu yo guhabwa urwamenyo, cyane cyane iyo umuntu abigaragarije mu ruhame.

**68.** Ubundi buhakanyi bwigaragariza mu buryo bw'imibereho n'imikorere. Koko rero, abantu bamwe na bamwe basigaye babaho kandi bagafata ibyemezo bikomeye by'ubuzima bwabo bwite cyangwa bw'ibihugu byabo, birengagije Imana.

***Ubukene***

**69**. Nubwo abashinzwe iby'ubukungu ku isi bagaragaza ko hari iterambere, kandi rikaba ririho koko, ariko ntirigera kuri bose kimwe. Hari abantu bamwe bagenda bakungahara mu gihe abandi barushaho gukena. Hari abadafite akazi,

biganjemo urubyiruko, hari n'abandi bagafite ariko bahembwa umushahara utabafasha gukemura ibibazo byabo.

**70**. Byongeye kandi, ibikenerwa by'ibanze mu buzima bw'umuntu bigenda birushaho guhenda ku buryo hari imiryango itabasha kubibona. Ubukene ni icyago kibangamira icyubahiro n'agaciro bya muntu.

***Irondakoko***

**71**. Turishimira ko umuryango nyarwanda utaheranwe n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, ariko urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ruracyakomeje. Koko rero, hari abagifite ibikomere n'irondakoko mu myumvire ntirirashira burundu mu Banyarwanda. Ubwironde bushingiye ku bwoko, cyangwa ibindi abantu bahuriyeho, biracyavugwa mu bisenya ubumwe bw'abatuye u Rwanda. Hari abagikomeje kuganzwa n'urwango n'amacakubiri, ibyo bikagenda bimunga umubano wabo na bagenzi babo. Irondakoko ni ikintu kibi kuko ridindiza imibanire n'iterambere by'abantu.

***Intambara ku isi no mu bihugu byacu***

**72**. Mu mpande zitandukanye z'isi no mu bihugu byo mu karere kacu k'ibiyaga bigari haracyarangwa intambara zitarangira ndetse n'urwikekwe hagati y'ibihugu. Ibi birababaje kuko izo ntambara zitwara ubuzima bw'abantu ari na ko ziburabuza abatuye mu turere ziberamo. Hari

imiryango myinshi yahunze, ababyeyi batakaje akazi, hari n'abana benshi bahagaritse amashuri, n'ibindi bibazo bikururwa n'intambara bibangamira imibereho myiza y'abantu.

***Ubutinganyi***

**73.** Muri iki gihe, ingeso mbi y'ubutinganyi igenda ikwirakwira hirya no hino ku isi ndetse bamwe bashaka kuyamamaza nk'uburyo busanzwe bwashoboka bwo kubaho no kubana mu muryango. Bityo usanga hari ababana bahuje ibitsina basaba uburenganzira bwo gushyingiranwa ndetse no kugira abana. Ibyo kandi hakaba hari ibihugu bimwe na bimwe byamaze kubyemera. Imyumvire n'imico nk'iyo biragenda byototera n'igihugu cyacu. Ibyo bibangamiye umugambi w'Imana ku muryango.

***Ibibazo byugarije umuryango***

**74**. Muri iki gihe, hari ibibazo byinshi byibasiye umuryango kandi biragenda byiyongera. Muri byo twavuga nko kwamamaza bikabije ubusambanyi, koroshya amategeko arebana no gutandukana kw'abashakanye no gukuramo inda, kwihinduza igitsina, gushakana kw'abahuje ibitsina, gushakana by'igihe gito, kwirwanaho kw'abashaka umwana ariko badashaka gushinga urugo, kutubaha isezerano ryo gushyingirwa, guha abatarashaka uburenganzira bwo kuboneza urubyaro, n'ibindi.

**75**. Ikindi gishobora gusenya umuryango ni imyumvire yerekeye ihame ry'uburinganire yemeza ko nta tandukaniro riri hagati y'umugabo n'umugore. Imyumvire nk'iyo ihabanye n'ihame ry'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye rigaragaza ko buri wese aba akeneye umwihariko w'undi ngo buzuzanye mu mibanire yabo.

**76**. Kuri ibyo hiyongeraho izindi ngorane nko kuba bamwe mu bashakanye batakibana igihe cyose kubera impamvu z'akazi cyangwa kurangarira mu ikoranabuhanga, ababyeyi batabonera abana umwanya, abana batacyumvira ababyeyi babo n'ibindi.

## Tuvugurure ubuzima n'imibereho ya Kiliziya

**77**. Nk'uko twakomeje kubivuga, iyi Yubile ni igihe cyiza cyo kwivugurura. Ibibazo by'insobe byugarije inzira y'ukwemera tumaze kurondora, birasaba ubushishozi kugira ngo dushobore kumva neza icyo "*Roho Mutagatifu abwira Kiliziya*" (Hish 1,7) yacu muri uru rugendo turimo rwo kuvugurura ubuzima n'imibereho y'abana bayo[12]. Muri uwo murongo, kugira ngo Yubile izadusigire imbuto z'iyogezabutumwa rivuguruye, ni ngombwa ko dushyira imbaraga mu kuvugurura umuryango, uburezi, kwita ku rubyiruko, ikenurabushyo ry'ubumwe n'ubwiyunge, gukangura imiryangoremezo no guharanira ko ubutumwa bw'Ivanjili bugera kuri bose.

---

[12] Ibaruwa y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda itangaza Yubile y'impurirane yo muri 2025 (30/11/2023).

*Kuvugurura umuryango*

**78**. Nk'uko Sinodi y'Abepiskopi ku muryango yabereye i Roma kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 25 Ukwakira 2015 yabigaragaje, umuryango ufite umwanya ndasimburwa kuko ari nk'inkingi mwikorezi ya sosiyete iyo ari yo yose, bityo ukaba ugomba kwitabwaho. Ibibazo twavuze biwugarije muri iki gihe biratwereka ko tugomba kuwuha umwanya w'ibanze mu Iyogezabutumwa. Mu kubaka no kubungabunga umuryango, tuzita kuri ibi bikurikira:

*a) Gushimangira inyigisho za Kiliziya zerekeye umuryango*

**79.** Birakwiye kwimakaza inyigisho za Kiliziya ku muryango kugira ngo zimurikire abantu ntibatwarwe n'imyumvire mibi yo muri iki gihe[13]. Izo nyigisho z'ibanze ni izi:

- Umuryango Kiliziya yemera ni umuryango Imana yashatse mu mugambi wayo kuva mu ntangiriro ugizwe n'umugabo n'umugore (reba Intg 1, 27; 2,18.25) kandi nk'uko Yezu Kristu yaje abishimangira "*Icyo Imana yafatanyije umuntu ntakagitandukanye*" (Mt 19, 6).
- Umuryango ufite ubutumwa bwo gutanga ubuzima nk'uko Imana yabihayemo inshingano umuryango wa mbere igira iti: "*Nimwororoke mugwire isi*" (Intg 1,28). Urubyaro rugomba rero kwakirwa

[13] Itangazo ry'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku mugabo n'umugore babana bitemewe na Kiliziya n'ababana bahuje ibitsina (21/12/2023), n.6.

nk'impano y'Imana[14]. Mu kuzuza ubwo butumwa, ni byiza ko abashakanye bumvikana, bagateganya imbyaro mbere y'igihe kandi bagakoresha uburyo bwa kamere[15].

- Umuryango ufite ubutumwa bwo kurinda ubuzima bw'umwana kuva agisamwa[16]. Amategeko yo gukuramo inda agenda ashyirwaho mu bihugu byinshi, abangamiye umugambi w'Imana. Gukuramo inda ni icyaha gikomeye kuko ari ukwicira umwana mu nda ya nyina, kandi ibyo ni ibyo kwamaganirwa kure[17].
- Umuryango ufite ubutumwa bwo kurera: Uburere bw'abana bureba mbere na mbere ababyeyi babo. Bityo ababyeyi ni ndasimburwa; iyo badatunganyije neza ubwo butumwa bakabuharira abandi, biba bigoye ko abo bandi bageza umwana aho ababyeyi be bari kumugeza[18]. Ababyeyi bagomba kurera abana babo mu rukundo bita ku byo bakeneye byose, haba ku mubiri no kuri roho. Bagomba kandi kubatoza imico myiza ya gikristu, bakabatoza indangagaciro y'ubusugi n'ubumanzi, bakita no ku burere nyobokamana. Ibyo byose birasaba ababyeyi kugenera abana babo umwanya uhagije wo kuba bari kumwe na bo kabone n'ubwo baba bafite akazi kabafata igihe, kandi bakabaha urugero rwiza.

---

[14] *Gaudium et spes*, n.50.
[15] *Humanae vitae*, nn.20-21.
[16] *Gaudium et spes*, n.51.
[17] Inyandiko ya Papa Yohani Pawulo wa Kabiri yerekeye ubutumwa bw'umuryango : *Familiaris consortio*, n.36.
[18] *Familiaris consortio*, n.30.

*b) Kwigisha urubyiruko ibyerekeye umuhamagaro wo gushinga urugo*

**80.** Urusobe rw'ibibazo n'ingorane byugarije umuryango muri iki gihe, bishobora gutuma abakiri bato bagira ubwoba bwo kuzashinga urugo[19]. Kubera iyo mpamvu, tugomba kwigisha abana n'urubyiruko ko gushinga urugo ari umuhamagaro wa gikristu. Tugomba kubabwira ubwiza bwawo kugira ngo batabona umuryango nk'ikibazo, ahubwo mbere na mbere bawubone nk'umuhamagaro. Urubyiruko rugomba gusobanurirwa kandi ibyerekeye urukundo nyakuri n'ibiruranga kugira ngo batarwitiranya n'amarangamutima meza gusa biyumvamo[20]. Ibyo byose bizababafasha kugera mu gihe cyo kubaka urwabo bazi neza icyo biyemeje[21].

*c) Gushyira imbaraga mu gutegura abagiye gushinga urugo*

**81**. Kimwe mu bitera ingo gusenyuka zitamaze igihe ni uko abasore n'inkumi bafata umwanzuro wo gushyingiranwa batabanje kumva neza uburemere bw'icyemezo baba bafashe cyo kubana. Ikenurabushyo ry'umuryango rero, rigomba gushyira imbaraga mu gutegura abagiye guhabwa isakaramentu ry'ugushyingirwa, mu kugena igihe gihagije cyo kubategura, kugira ngo basobanurirwe neza inshingano zibategereje n'uburyo bazubahiriza.

---

[19] Papa Fransisko, Urwandiko rwa gitumwa rusoza Sinode, *Amoris laetitia* (19mars 2016), n.40.

[20] *Humanae vitae*, n.9.

[21] *Amoris laetitia*, nn.259-290.

**82.** Hakwiye kandi gushyirwaho andi matsinda yunganira abasaserdoti mu gutegura abagiye gushinga urugo. Muri ayo matsinda hajyamo ingo z'abashakanye zibanye neza kandi zifite uburambe muri uwo muhamagaro, kugira ngo ubuhamya bwabo bubafashe, hakajyamo abajyanama bo muri serivise z'ubusugire bw'ingo n'impuguke mu by'amategeko arebana n'umuryango n'imicungire y'umutungo. Hazifashishwa kandi imfashanyigisho yateguwe na Komisiyo y'Umuryango mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda mu gutegura abagiye gushinga urugo.

*d) Guherekeza ingo zishinzwe vuba*

**83**. Gushyira imbaraga mu gutegura abagiye gushinga urugo byonyine ntibihagije. Birakwiye no guherekeza ingo zimaze igihe gito zishinzwe. Muri urwo rwego, paruwasi zirashishikarizwa gutegura amahugurwa agenewe abashakanye kuva ku bagishinga urugo kugera nibura ku bamaranye imyaka itanu (AMORIS LAETITIA).

*e) Kwita ku miryango ifite ibibazo byihariye*

**84**. Ikenurabushyo ry'umuryango risabwa kwita ku miryango ifite ibibazo. Hari imiryango irimo amakimbirane, hari ababana mu buryo butemewe na Kiliziya, n'abandi bafite ibibazo binyuranye. Iyo miryango ikeneye ko abashinzwe ikenurabushyo bayitega amatwi

by'umwihariko kandi bakayiba hafi ku buryo bushobotse bwose[22].

### *Kwita ku burezi*

**85**. Uburezi ni ingenzi mu mibereho y'abantu kandi ni bwo butanga icyerekezo n'icyizere cy'ejo hazaza ha sosiyete. Inyigisho za Kiliziya ku burezi kuva kera zishimangira uburenganzira ndakuka bw'uburezi kuri bose, ku kigero icyo ari cyo cyose hatitawe ku nkomoko yabo cyangwa ku mutungo wabo[23]. Uburezi kandi ni imwe mu nkingi z'Iyogezabutumwa rya Kiliziya[24].

**86.** Kugeza ubu amashuri gatolika ari hose mu gihugu kandi ni menshi. Ayo ni amahirwe menshi yo kurerera Imana no gutanga umuganda kugira ngo isi yacu irusheho kuba nziza. Umwimerere w'uburezi gatolika ni ukurera umuntu wuzuye, ni ukuvuga kurera umubiri, roho n'ubwenge. Ni yo mpamvu Kiliziya Gatolika mu Rwanda yihaye intego yo kurera umwana ushoboye kandi ushobotse: umwana ufite ubumenyi buhagije butuma asobanukirwa n'ibyerekeye ubuzima, akabasha gutekereza neza no guhitamo igikwiye cyamugirira akamaro kikakagirira n'abandi; umwana kandi urangwa

---

[22] *Amoris Laetitia*, nn.291-312.
[23] Concile Vatican II, Déclaration sur l'éducation chrétienne *Gravissimum educationis* (28 octobre 1965) Préambule.
[24] Congrégation pour l'Education Catholique. *Identité de l'Ecole Catholique pour une culture de dialogue* (25 janvier 2022), n.13.

n’imyitwarire myiza, ufite imico myiza mbonezabupfura, umutimanama n’imico mboneramana[25].

**87**. Kugira ngo iyo ntego igerweho, dore bimwe mu byo tuzashyiramo imbaraga:

a) Gusigasira umwimerere w’uburezi gatolika mu mashuri yose ya Kiliziya;

b) Gufasha ababyeyi kumva neza uruhare rwabo ndasimburwa mu burere n’uburezi bw’abana babo;
c) Gushyira imbere ubufatanye bwa Kiliziya n’abandi bose bafite uburezi n’uburere mu nshingano zabo, ari bo ababyeyi, abarimu n’inzego za Leta[26];
d) Gushyira imbaraga mu masomo y’ubumenyi mbonezamubano na mbonezabupfura, nk’uko zishyirwa mu bumenyingiro, mu ma siyansi n’ikoranabuhanga;
e) Guteganya mu mashuri ibikorwa bitoza abana umuco wo kubahana, kumva ibibazo by’undi no gufashanya kugira ngo abana bazakure babana neza n’abandi;
f) Kwigisha neza isomo ry’iyobokamana mu rwego rwo gufasha abana gushishoza no kwirinda inyigisho z’ubuyobe[27];

[25] Sacrée Congrégation pour l’Education Catholique : *Ecole catholique,* Rome (19 mars 1977).
[26] Congrégation pour l’Education Catholique. *Identité de l’Ecole Catholique pour une culture de dialogue* (25 janvier 2022), nn.12-15.
[27] Sacrée Congrégation pour l’Education Catholique : *Ecole catholique,* Rome (19 mars 1977), n.50.

g) Gushishikariza buri diyosezi gushyiraho amashuri y'icyitegererezo mu burezi gatolika[28].

***h)*** Gushyira imbere inyungu rusange, kubaha no kubungabunga ibidukikije.

***Kwita ku rubyiruko***

**88**. Urubyiruko gatolika ni amaboko ya Kiliziya. Ikenurabushyo rigomba kurwitaho ku buryo bwihariye. Ubwitabire mu mahuriro y'urubyiruko mu rwego rwa za paruwasi, diyosezi ndetse no mu rwego rw'igihugu, bwagaragaje ko urubyiruko rufite inyota y'Imana kandi ko rushimishwa no kwitangira Kiliziya. Ni yo mpamvu, dushishikariza inzego zose z'iyogezabutumwa gukomeza gushyira imbaraga mu gutegura neza ayo mahuriro.

**89**. Ikenurabushyo ry'urubyiruko kandi rigomba kwita ku miryango ya Agisiyo Gatolika n'indi miryango y'urubyiruko muri za paruwasi no mu mashuri. Iyo miryango izatuma urubyiruko rwacu rutirirwa rujya gushakira ahandi ibyo rwabona muri Kiliziya yacu.

**90**. Paruwasi zikwiye gushakisha ahantu urubyiruko rwajya ruhurira, rukungurana ibitekerezo, zikanategura ibikorwa by'imikino n'imyidagaduro biruhuza. Aho ngaho hajya hatangirwa n'inyigisho z'ingirakamaro zafasha urubyiruko kugendera mu murongo mwiza, kwitabira gahunda za Kiliziya no gukora ibikorwa by'urukundo. Paruwasi kandi zikwiye no gutegurira urubyiruko ingendo nyobokamana

---

[28] Code de Droit Canonique, c.802,§1.

ndetse n'ingendoshuri, cyane cyane rugasura ahantu habitse amateka ya Kiliziya yacu[29].

**91**. Urubyiruko gatolika rwiga mu bigo bitari ibya Kiliziya Gatolika na rwo rukeneye kwitabwaho binyuze mu bwumvikane n'ubuyobozi bw'ayo mashuri.

### *Ikenurabushyo ry'ubumwe n'ubwiyunge*

**92**. Mu bindi by'ingenzi ikenurabushyo rigomba kwitaho ni ubumwe n'ubwiyunge. Ubumwe n'ubwiyunge bwuzuye ni urugendo ruganisha ku kwiyunga n'Imana, kwiyunga nawe ubwawe n'amateka yawe, ukiyunga na mugenzi wawe[30]. Mu rwego rwo gutanga umusanzu wayo mu bumwe n'ubwiyunge, Kiliziya izakomeza gushyira imbaraga mu bikorwa bihuza abantu, hagamijwe ineza ya buri wese, binyuze cyane cyane muri Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ku nzego zayo zose.

**93.** Kiliziya izakomeza kandi kuba hafi abatandukanyijwe n'amateka mabi ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kugira ngo abahemutse bashishikarizwe gusaba imbabazi, n'abahemukiwe babashe kuzitanga, kuko imbabazi zibohora kandi zikunga. Ibikorwa by'isanamitima bikorerwa muri paruwasi no mu magororero bizagumya gushyigikirwa kugira ngo dukomeze kubaka umuryango nyarwanda uzira inabi.

---

[29] Conseil pontifical pour les laics, *Journée Mondiale de la Jeunesse : De Toronto à Cologne. La pastorale des jeunes aujourd'hui : Quelles réponses aux attentes de l'Eglise et des jeunes*, Rome (13 avril 2023).

[30] Ibaruwa y'Abepiskopi Gatolika bandikiye abakristu mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge (2018).

**94**. Kiliziya izakomeza kandi gufasha abagifite ibikomere binyuranye, ibegera kandi ibahumuriza kugira ngo batinyuke kwakira gitwari ibyababayeho bitabahungabanyije. Hazanakusanywa ubuhamya bw'abitwaye gikristu ndetse bamwe bakemera guhara ubuzima bwabo mu gutabara abakorerwaga Jenoside, kugira ngo abakiri bato n'abazaza nyuma bazashobore kwigira kuri izo ngero nziza.

**95.**Turifuza ko ikenurabushyo ry'ubumwe n'ubwiyunge ryahuzwa n'ikenurabushyo ry'umuryango kugira ngo abantu begerwe mu mpande zose z'ubuzima hagamijwe kubaka umuntu wuzuye, n'umuryango utekanye kandi uzira amakimbirane.

**96**. Ubumwe n'ubwiyunge kimwe n'umuco w'amahoro bizakomeza kwigishwa urubyiruko kugira ngo ruzabe amizero y'u Rwanda ruzira amacakubiri.

***Guha imbaraga imiryangoremezo***

**97**. Nk'uko dusanzwe tubizi, umuryangoremezo w'abakristu ni "Kiliziya y'ibanze ". Kubera iyo mpamvu uhamagariwe gukomeza kuba intango y'iyogezabutumwa, kugira ngo Ingoma y'Imana ikomeze yogere hose. By'umwihariko, muri iki gihe cyo guhimbaza Yubile y'impurirane ni ngombwa ko duhagurukira gukangura imiryangoremezo muri Kiliziya yacu. Ikwiye kuberwa no gushinga imizi mu kwemera, Ivanjili igacengera mu

buzima nyir'izina bw'abakristu[31], nk'uko byari bimeze mu bakristu ba mbere (reba Intu 2, 42-47). Ibyo birasaba inzego zose za paruwasi gushyira imbaraga mu kuyiba hafi no kuyisura, zikamenya imikorere yayo, uko abayigize babana n'imbogamizi bahura nazo, kandi bagashakira hamwe inzira z'ibisubizo.

**98.** Ikindi kigomba kwitabwaho ni amahugurwa ahoraho y'abayobozi b'imiryangoremezo, kugira ngo basobanurirwe neza ibyerekeye umuryangoremezo, akamaro kawo n'uburyo wakora neza. Imiryangoremezo kandi igomba gushishikarizwa kwita ku batishoboye, gusangira ibyishimo ndetse n'ibyago mu bagize umuryangoremezo bose.

### *Ubutumwa bugera kuri bose*

**99**. Yezu Kristu Umwana w'Imana, mu kwigira umuntu, yegereye buri muntu wese. Mu butumwa bwe hano ku isi, yitaye ku bantu b'ingeri zose cyane cyane abaciye bugufi n'intamenyekana. Papa Fransisko akunda kudushishikariza gusohoka tukegera abantu, tukabasanga mu buzima bwabo[32]. Iki gihe cya Yubile rero, ni igihe cyo guharanira ko ubutumwa bugera kuri bose buri wese abigizemo uruhare.

---

[31] Diyosezi ya Kabgayi Ibiro bihoraho bishinzwe Iyogezabutumwa : *Umuryangoremezo wa Kiliziya, Ubukristu aho dutuye*. Editions Pastorales Diocèse de Kabgayi (mars 2024).

[32] Pape François, Le Christ forme le cœur des pasteurs à la proximité avec le peuple de Dieu. *Homélie de la célébration matinale retransmise en direct depuis la chapelle de la maison Sainte- Marthe* (24/4/2020).

**100.** Kugira ngo iyogezabutumwa rigere kuri bose, birasaba kumenya ingeri zose z'abantu n'uburyo bwakoreshwa kugira ngo Inkuru nziza ibagereho by'ukuri. Aha turasaba abasaseridoti n'abafatanyabutumwa bose kurushaho kwegera abakristu kugira ngo bamenye abakeneye kwitabwaho ku buryo bwihariye kandi bababateganyirize gahunda z'ikenurabushyo ribakwiye.

## Ubutumwa bwa Nyina wa Jambo mu rugendo rwacu rwo kwivugurura

**101**. Amabonekerwa ya Bikira Mariya ku isi, nk'uko byagenze i Kibeho ni "[...] *ingabire* [...] *igamije gufasha abakristu kubaho bakurikije Ivanjili mu mibereho yabo.*[...]. *Ni ubufasha bw'ingirakamaro Kiliziya itagomba kwivutsa*"[33]. Ubutumwa Nyina wa Jambo yatuzaniye bugamije kutuvugurura, buduha umusemburo w'Ivanjili mu buzima bw'ibi bihe.

**102.** Nk'uko Bikira Mariya ubwe yabyivugiye i Kibeho, yaje kwibutsa no gufasha. Ni koko, we nta rindi jambo agira ritari irya Yezu Kristu Umwana we. Ni byo Kardinali Crescenzio Sepe yavuze igihe cyo guha umugisha Kiliziya yitiriwe Bikira Mariya Umunyamibabaro, ati : "*Ndabashishikariza gusengana umwete kugira ngo muri iyi Kiliziya ya Kibeho hazasohoke umuryango nyarwanda wivuguruye mu kwemera"*[34]. Mu buzima bwa Kiliziya yacu, Kibeho nitubere koko "*Umurwa w'abashakashaka*

---

[33] Joseph Ratzinger, *Il commento teologico*, in Il Messaggio di Fatima, Edizioni Paoline, Milano, 2000.
[34] Crescenzio Sepe, *Homélie*, Kibeho, 30/05/2003.

*Imana, ahantu hakomeye ho kuyigarukira, ihuriro ry'abatatanye*"[35].

**103**. Ni koko kandi, iyo uroye neza, usanga Kibeho yarabaye isangano ry'abashaka kuvugurura umubano wabo n'Imana. Muri iki gihe cyo guhimbaza Yubile y'impurirane, birakwiye rwose kuzirikana ku butumwa bwa Nyina wa Jambo, kugira ngo butubere umusemburo wo kwivugurura.

***Twese turi abanyabyaha, dukeneye kugarukira Imana***

**104**. Yezu Kristu atangiye ubutumwa bwe, yahamagariye bose kwisubiraho agira ati: "*Nimwisubireho maze mwemere Inkuru Nziza*" (Mk 1, 15). Ubutumwa bwo guhinduka Yezu yabubwiraga bose, kuko bose bacumuye bakaba bakeneye kwiyunga n'Imana (reba Rom 5, 12). Bityo rero, uwakwibwira ko ari intungane, yaba yise Imana umubeshyi (reba1 Yh 1, 10). Imana ishaka ko bose bagera ku kwisubiraho (reba 2 Pet 3, 9) bagakira, bakarokoka.

**105**. Iyo ngingo yo kwisubiraho, Yezu Kristu yatangije ubutumwa bwe, ni yo na Bikira Mariya yibanzeho cyane i Kibeho.Yabanje kwibutsa ko twese turi abanyabyaha : " *Mwese nta ntungane irimo*"[36]. Koko rero twese turi abanyabyaha, ni yo mpamvu Nyina wa Jambo adusaba kwinjira mu mutima wacu tumurikiwe na Roho Mutagatifu, ngo tubone ibyaha byacu, maze tugarukire Imana. Indwara

---

[35] Augustin Misago, *Déclaration de l'Évêque de Gikongoro*, 36.

[36] Cf. Alphonsine Mumureke. *Lettre à Mgr Jean Baptiste Gahamanyi*, 24/06/1982.

ikomeye isi ya none irwaye, ni ubuhumyi bw'umutima bwo kutabona icyaha. Nyina wa Jambo ntashaka ko tuguma muri ubwo buhumyi. Ni yo mpamvu mu butumwa bwe bwo kudukebura, yakoresheje amagambo yerekana ibyaha bikomeye turimo kandi bidukururira amakuba akomeye. Yagize ati : "*Isi yigometse ku Mana*"[37], *"Isi irarwaye*"[38], "*Isi iri hafi yo gupfa*"[39], "*Ibyaha by'isi biruta ubwinshi amazi yo mu nyanja*"[40].

**106**. Mu kutwereka ko isi yacu yugarijwe n'ibyaha bibyara ibyago bitagira ingano, Nyina wa Jambo yakoresheje amagambo nk'ayo akomeye kandi adusaba kwisubiraho bidatinze. Yarongeye ati : "*Nimwisubireho, nimwisubireho, nimwisubireho*"[41].

**107**. Turashishikariza abakristu bose gukora umwitozo wo kwisuzuma, buri wese akiyumvisha ko ari umunyabyaha, akabona neza ibyaha bye, akigaya, agahindura umutima we (reba Mt 12, 33-37), akareka kugengwa na muntu w'igisazira, akagengwa na muntu mushya (reba Ef 4, 22-23).

### *Gushishoza no gutandukanya inzira z'Imana n'inzira za Sekibi*

**108**. Iyobokamana ry'ukuri Yezu Kristu yatwigishije, ni ubuzima bushya muri Roho Mutagatifu, we utuyobora ku

---

[37] Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition du 27/03/1982.*
[38] Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition* du *29/11/1983*.
[39] Alphonsine Mumureke, *Apparition du 15/08/1982*.
[40] Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition du 15/08/1982*.
[41] Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition du 3/12/1983*.

kuri kose (reba Yh 16, 13). Ibyerekeye Ingoma y'Imana, ntidushobora kubisobanukirwa mu bwenge bwacu gusa : "*Ibitekerezo byanjye si byo byanyu n'inzira zanjye si zo zanyu*" (Iz 55, 8). Ni kimwe kandi n'ibyerekeye imikorere y'Ingoma ya Sekibi. Umushukanyi ni ya nzoka y'inyaryenge (reba Intg 3, 1), iduhenda ubwenge (reba Intg 3, 13) tugasuzugura Imana. Imitego akoresha ngo agushe abantu mu bishuko, iraturenze.

**109**. Ibibazo twavuze haruguru bibangamiye ukwemera muri iki gihe bitwereka amatwara n'ibikorwa bya Sekibi. Twavugamo nk'ubuhumyi bw'umutima bubuza muntu kubona icyaha mu buzima bwe, ibikorwa by'ubuhakanyi, urujijo mu myemerere, inyigisho z'ubuyobe n'ibindi. Ibyo bikorwa biba byihishe, ku buryo ubwenge bwa muntu budashobora kuvumbura ayo mayeri ya Sekibi yo kwitwara nk'umumalayika w'urumuri (reba 2 Kor 11, 14). Ni yo mpamvu tutamurikiwe na Roho Mutagatifu, tudashobora gutahura iyo mitego ya Sekibi no guca ukubiri na yo.

**110**. Hari kimwe muri ibyo bibazo tugira ngo tugarukeho ku buryo bw'umwihariko kuko gishobora kuyobya abantu ku byerekeye ubutumwa bwa Nyina wa Jambo i Kibeho: **inyota yo kwerekwa no kubonekerwa**. Amwe mu mayeri Sekibi akoresha ngo ashuke abantu ni ukwigana iby'Imana ikora. Nyuma y'ingabire y'ibonekerwa ry'i Kibeho, mu madiyosezi yacu ndetse no mu mahanga, hari benshi bavuga ko berekwa, bahanura cyangwa babonekerwa, ndetse ko bakora n'ibitangaza. Ibyo birindagiza benshi. Mutagatifu Yohani w'Umusaraba atwibutsa ko uwahora ararikiye kwerekwa no kubonekerwa, Imana yamubwira iti: "*Naguhishuriye byose muri Jambo wanjye. Ni We Jambo*

*ryanjye, Igisubizo cyanjye. Ni We hishurirwa n'iyerekwa ryose*"[42].

**111**. Nyina wa Jambo, we uzi neza amayeri ya Sekibi mu kurindagiza abemera, mu butumwa bwe i Kibeho, yadusabye gushishoza kuko yatuburiye ko «*Ukwemera n'ubuhakanyi bizaza mu mayeri*»[43]. Ibyo biradusaba rero guhora tumurikiwe na Roho Mutagatifu mu isengesho, kuko nk'uko nanone yabitubwiye, muri iki gihe "*utazasenga cyane, kandi ngo akunde Imana kuruta ibintu byose, azahinduka umuhakanyi kandi we yibwiraga ko yemera*"[44].

***Iyobokamana ry'ukuri***

**112.** Yezu Kristu ni We Nzira, Ukuri n'Ubugingo (reba Yh 14, 6), umukurikira wese ntagenda mu mwijima (reba Yh 8, 12). Yaje kutwigisha iyobokamana ry'ukuri rishingiye ku mutima ugororokeye Imana. Umutima umeze nk'uw'umwana muto (reba Lk 18, 17), umutima mushya wumvira Imana (reba Lk 1, 38), kandi utagira uburyarya (reba Yh 1, 47), ni wo Imana ishima.

**113.** Mu butumwa bwe i Kibeho, Nyina wa Jambo yadusabye kwirinda uburyarya mu iyobokamana: "*Mugomba kwihatira gusenga kandi mugahindura*

---

[42] Jean de la Croix, *La Montée du Mont Carmel*, 2 ,22.
[43] Alphonsine Mumureke, *Apparition du* 6/ 12/ 1981.
[44] Cf. Alphonse Mumureke, *Diaire*, 46.

*imitima : mugomba gusenga nta buryarya. Ni byo murasenga, ariko hari abasengana uburyarya"*[45].

***Kuba umwe muri Kristu***

**114.** Amateka yacu nk'Abanyarwanda, yagaragayemo icyaha gikomeye cy'urwango n'amacakubiri byageze no ku mahano ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu w' 1994. I Kibeho, Umubyeyi Bikira Mariya yaratuburiye, yereka abo yabonekeraga amashusho y'ubwicanyi buteye ubwoba, kandi adusaba kwisubiraho ngo tutagwa mu rwobo. Umubyeyi w'Imana aduhanura atwibutsa ko tutagomba kurangwa n'amacakubiri, agira ati : "*Ntihagomba kubaho amacakubiri mu bantu, baba abera cyangwa abirabura, bose barareshya*"[46]. Yatwibukije ko twese turi abavandimwe, bityo tukaba tugomba kwirinda ivangura, ati : "*Ntawe mugomba gukundira ko ari umuntu mwiza cyangwa se ari umuntu w'Imana. Mugomba kumenya ko abantu bose ari ibiremwa by'Imana mugomba gukunda nta vangura*"[47].

**115.** Mu kutwigisha no kudutoza urukundo n'ubumwe, Nyina wa Jambo yifashishije ikigereranyo cy'indabo ziri

---

[45] Cf. Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition du 2 mars 1982*, voir son diaire, 2.

[46] Cf. Marie Claire Mukangango, *Apparition du 24 avril 1982*, voir son diaire, 15.

[47] Cf. Marie Claire Mukangango, *Apparition du 12 mars 1982*, voir son diaire, 4.

mu murima umwe, rwagati muri izo ndabo hakaba igiti. Yashakaga kutwibutsa ko abacunguwe na Kristu twese, twabaye umwe muri We, umusaraba we akawutsembesha inzangano zose, maze twese akatugira umubiri umwe (reba Ef 2, 14- 22). Umubyeyi yadukanguriye inzira y'ubumwe n'ubwiyunge agira ati: "*Nazanywe no kubabumbira hamwe, sinazanywe no kubatandukanya*".[48] Ubutumwa bwa Nyina wa Jambo i Kibeho, buraturarikira kuba abavandimwe, kwimakaza umuco w'amahoro n'urukundo mu mibereho yacu.

[48] Cf. Nathalie Mukamazimpaka, *Apparition du 11 juin 1983*.

**UMUSOZO**

Bakristu dukunda,

**116**. Yubile y'impurirane twatangiye irakomeje kandi iratwereka ko imbuto zayo zatangiye kwigaragaza. Ntidushidikanya ko zizarushaho kwiyongera mu mpande zose z'ubutumwa bwa Kiliziya y'Imana iri mu Rwanda, kimwe no mu byiciro binyuranye by'abayigize.

**117**. Nk'uko twabigaragaje muri iyi baruwa, Ivanjili ya Kristu imeze koko nka ka kabuto gato kabibwa mu gitaka, hanyuma kakazavamo igiti cy'inganzamarumbo kugera n'ubwo gihinduka ubwugamo n'icumbi inyoni zo mu kirere zisunga, kikaziramira. Hagati yo kumera no gukura kugeza kabaye inganzamarumbo, akabuto ntigahura n'ibigatera gukura neza gusa, ahubwo hari n'igihe gahura n'ibishobora kugatera kwangirika. Nyamara ngo agati gateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga.

**118**. Dukomeze duhimbaze neza iyi Yubile tubishyizeho umutima, twishimira ibyiza byinshi twagezeho, turushaho kunoza ahagaragaye intege nke mu bihe byahise, kandi dufite amizero y'ejo hazaza. Koko rero nta gushidikanya ko turi kumwe na Kristu We utubwira ati: "*Dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza igihe isi izashirira*" (Mt, 28, 20). Nitumurangamire, ni We mutwe wa Kiliziya, ari wo Mubiri tubereye ingingo. Ntateze kudutererana n'iyo

hakwaduka umuhengeri ukomeye, ni Nyirububasha uzi kurambura ukuboko inyanja igatuza, tugakomeza urugendo rwacu muri iyi si ihindagurika cyane, turangwa n'ubuvandimwe nyabwo, duharanira amahoro kandi tukaba n'abahamya b'amizero.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Umwamikazi wa Kibeho
Imana ibahe mwese umugisha kandi tubifurije Yubile nziza.

*Bikorewe i Kigali ku wa 08 Ukuboza 2024*

**Abepisikopi banyu:**

✠ **Antoine Card. KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa KIGALI akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Vincent HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa RUHENGERI

✠ **Célestin HAKIZIMANA**
Umwepiskopi wa GIKONGORO

✠ **Anaclet MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa NYUNDO

✠**Edouard SINAYOBYE**
Umwepiskopi wa CYANGUGU

✠ **Papias MUSENGAMANA**
Umwepiskopi wa BYUMBA

✠ **Jean Marie Vianney TWAGIRAYE**
Umwepiskopi wa KIBUNGO

✠ **Balthazar NTIVUGURUZWA**
Umwepiskopi wa KABGAYI



✠ **Jean Bosco NTAGUNGIRA**
Umwepiskopi wa Butare

